CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél. :** (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

**ITANGAZO RISOZA INAMA ISANZWE Y'ABEPISKOPI GATOLIKA BO MU RWANDA YATERANIYE I KIGALI KUVA TARIKI 19 KUGEZA KU YA 22 WERURWE 2019**

Kuva ku itariki ya 19 kugeza ku ya 22 Werurwe 2019, i Kigali ku cyicaro cy'Inama y'Abepiskopi gatolika mu Rwanda hateraniye inama yabo isanzwe y'igihembwe cya mbere cy'uyu mwaka, iyobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Filipo Rukamba, Umushumba wa Diyosezi ya Butare akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi gatolika mu Rwanda. Mu ijambo ritangiza imirimo y'inama yatangaje ingingo z'ingenzi iyo nama izibandaho ari zo: gusangira amakuru ya Kiliziya y'isi yose, kugezanyaho ay'ubutumwa bwakorewe muri za Diyosezi guhera m'Ukuboza 2018, gusuzuma raporo z'ibikorwa bihuriweho na diyosezi zose no kunonosora ingingo zinyuranye zirebana n'ikenurabushyo muri rusange. By'umwihariko Abepiskopi barebeye hamwe uko Kiliziya gatolika izafasha abakristu n'abanyarwanda kwibuka ku nshuro ya 25 biringiye Imana kandi bafashanya, kunoza inyandiko **"Tugendere hamwe"** isobanura imyumvire n'imyitwarire bigomba kumvikanisha neza iyogezabutumwa. Ni no muri urwo rwego bagennye uburyo bwiza kandi buhuriweho na za Diyosezi zose bwo gutanga amaturo atandukanye abakristu basabwa. Banunguranye ibitekerezo ku mahirwe ari mu masezerano y'imikoranire Leta z'ibihugu zigirana na Leta ya Vatikani nk'ubuyobozi bukuru bwa Kiliziya gatolika ku isi, banashyira abantu mu makomissiyo akeneye abayunganira ngo arusheho gukora neza, atangiza atyo ku mugaragaro imirimo y'iyo nama.

Mbere yo gusesengura izi ngingo, Abepiskopi bateze amatwi ijambo rya Musenyeri Andrzej Józwowicz, Intumwa ya Papa mu Rwanda ibabwira ko gahunda yo kugirana amasezerano y'imikoranire hagati ya Leta ya Vatikani na Leta y'u Rwanda yayakiriye neza ndetse ikaba iri mu nziza. Yamenyesheje Abepisikopi ko Leta ibishyigikiye kandi abasaba kumufasha mu isobanurampamvu ryayo kugira ngo iyo gahunda izakomeze kugenda neza. Mu ijambo rye kandi yibukije ko muri Kiliziya ku isi yose ku wa Gatanu Mutagatifu hatangwa ituro ryihariye ryo kwita ku hantu hatagatifu muri Israheli.

Abepiskopi bakomeje basangizanya amakuru yaranze za Diyosezi akaba agizwe n'ibikorwa bitandukanye bijyanye na gahunda z'Abepiskopi. Ku rwego ruhuza Inama z'Abepiskopi Gatolika muri Afurika yose (***SCEAM****: Symposium des Conférences Episcopales d'Afrique et de Madagascar*), hazahimbazwa Yubile y'imyaka 50 uru rwego rubayeho, ikazabera i Kampala muri Uganda kuva ku wa 20 kugeza ku wa 29 Nyakanga 2019. Abepiskopi banakiriye abahagarariye ihuriro ry'abayobozi b'amadini, amatorero na Kiliziya gatolika mu Rwanda (RIC)

mu rwego rwo kungurana ibitekerezo abanyamategeko bayakomokamo bazifashisha banoza umushinga w'amategeko azagenga urwo rwego rushya rugamije amahoro, ubufatanye no kubahana.

Iyi nama kandi yaranzwe no gutega amatwi raporo z'ibikorwa bitandukanye bya za komisiyo na serivisi zihuriweho na diyosezi zose mu mwaka wa 2018 ndetse bazunguranaho ibitekerezo. Habanje gusuzumwa raporo y'ubunyamabanga bukuru bw'Inama y'Abepiskopi gatolika mu Rwanda. Hakurikiyeho raporo za komisiyo y'ubutabera n'amahoro (CEJP), iy'iyogezabutumwa mu muryango na serivisi y'ubusugire bw'ingo (SNAF) ndetse n'iy'umushinga wo kongerera ubushobozi abakorera mu nzego za Kiliziya. Hasuzumwe kandi raporo y'urwego rushinzwe uburezi gatolika mu mashuri abanza n'ayisumbuye (SNEC), iy'ibiro bishinzwe Gatigisimu ku rwego rw'igihugu (BNC) n'iya komisiyo y'ibikorwa byo kugeza Ivanjili ku isi yose (OPM). Hanyuma abahagarariye komisiyo y'urubyiruko (CEPJ), iyita ku butumwa bw'abalayiki (CEAL) na Radio Maria Rwanda bagejeje ku Bepiskopi ibikorwa bagezeho mu mwaka ushize. Abepiskopi basoje iki cyiciro bakira raporo y'umurimo wakozwe n' urukiko rwa Kiliziya (TECIR), iya Karitasi Rwanda n'iya Kinyamateka. Ikigaragara ni uko muri izo komisiyo zose umwaka wa 2018 wagenze neza. Abepiskopi bashimiye ababagejejeho raporo banabasaba ko ubutaha hagaragazwa ku buryo bwihariye imbogamizi n'ingamba ziteganywa hagamijwe kunoza ubutumwa.

Bimwe mu bibazo byagaragaye muri raporo byaganiriweho by'umwihariko kandi bihabwa imirongo iboneye yo kubikemura. Bagaragaje ko bifuza ko ku rwego rw'Inama y'Abepisikopi Gatolika haba umuntu wakwiga neza imishinga y'iyogezabutumwa akanakurikirana ishyirwa mu bikorwa yayo. Bemeje kandi ko hajyaho komisiyo ishinzwe iyogezabutumwa ry'abana igizwe n'ababishinzwe muri diyosezi zose. Abepisikopi basanze abakristu bakeneye inyigisho zibajijura zikanabakomeza mu kwemera kwabo, bityo bashishikariza abapadiri kongera kubyutsa inyigisho zihugura ibyiciro binyuranye by'abakristu. Ku kibazo cy'amazu ya Karitasi Rwanda, bemeje ko ayo idakoresha yahabwa abakene ariko ashaje cyane akavugururwa ku buryo yahindurirwa icyo yakoreshwaga.

Nyuma ya raporo ya za komisiyo na serivisi zihuriweho na diyosezi zose, Abepisikopi basuzumye izindi ngingo zirebana n'ikenurabushyo muri rusange. Bemeje ingingo-fatizo zigena uburyo ituro rya Kiliziya rizajya ritangwamo ndetse n'uko abakristu bazajya batura mu misa no mu mihimbazo hagamijwe ubusabaniramana busesuye. Abepiskopi bazabigeza ku bo bayobora ndetse bashyireho amabwiriza ahamye, buri wese muri Diyosezi ayobora. Abepisikopi bemeje kandi itegurwa ry'ubutumwa bwo gufasha abakristu n'Abanyarwanda bose kwibuka ku nshuro ya 25 barangamiye Yezu wazutse ava mu bapfuye ngo duhonoke urupfu rw'iteka. Ubwo butumwa buzasomerwa abakristu ku wa 7 Mata 2019 mu Misa zose n'imihimbazo yose y'Ijambo ry'Imana nyuma y'Ivanjili. Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yagejejweho kandi aho umushinga w'inyubako yayo yo ku Ruyenzi ugeze bafata n'ingamba zo kongeramo ingufu kugira ngo imirimo iteganyijwe ibashe kwihuta no kunozwa ku gihe.

Nyuma y'ibyo, Abepiskopi bishimiye kugeza kuri Kiliziya gatolika mu Rwanda imyanzuro bafatiye mu nama yabahuje n'Abepiskopi b'i Burundi (ACOREB) yateraniye i Ngozi kuva tariki ya 11 kugeza ku ya 14 Werurwe 2019. Ni ngombwa cyane kwegera urubyiruko, kurutega amatwi no kurugira inama, kurutoza kugira uruhare rufatika mu iyogezabutumwa ryita ku rubyiruko nyine, kuvugurura imikorere n'ubutumwa bw'imiryango y'agisiyo gatolika kugira ngo ihuzwe n'igihe tugezemo inashobore gufasha mu gukemura ibibazo abakristu bahura na byo, kwifashisha ikoranabuhanga mu iyogezabutumwa cyane cyane mu rubyiruko no kwibutsa ababyeyi ko uburere bw'abana ari bo bureba mbere na mbere.

Abepiskopi Gatolika bamaganye ibikorwa by'urukozasoni bivugwa ku bapadiri n'abiyeguriyimana mbarwa bashimangira ko batazihanganira na busa uwo byahama wese, ahubwo bakazafatanya n'inzego z'ubutabera kugira ngo ineza ikomeze gutsinda inabi. Bararikiye kandi buri wese kwitondera abashobora kubyitwaza bakagira uwo bashinja ibinyoma.

Abepisikopi bahaye kandi icyemezo cy'ishimwe SORAS Group Limited n'ISANGO STAR TV kubera imikoranire myiza bafitanye na Kiliziya. SORAS izwiho kuba umuterankunga wihariye wa Kinyamateka, ikinyamakuru cya Kiliziya gatolika, naho ISANGO STAR TV yo itambutsa misa buri cyumweru n'ibindi birori bitandukanye bigamije gusabana n'Imana muri Kiliziya gatolika.

Abepisikopi basoje iyi nama bemeza ko imyanzuro y'inama zabanje yakererewe yashyirwa mu bikorwa mu maguru mashya kandi bifurizanya igisibo gitagatifu na Pasika ya Nyagasani.

Bikorewe i Kigali ku wa 22/03/2019.

Padiri Maritini NIZIGIYIMANA,
Umunyambanga Mukuru
w'Inama y'AbepiskopiGatolika mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
CEPR
B.P. 357 Kigali
Rwanda
* PRESIDENT *

✠ Filipo RUKAMBA,
Umwepiskopi wa Butare akaba na
Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda